



Kinyarwanda

Uruzi  
rw'umukororombya

Mimi Werna

Tr: Francine  
Muhamenimana

Edwin Irabor



Abavandimwe batatu, Ada, Ardo na  
Eran bumvise umuziki wimvura.  
Bashakaga kubyiniramo. Bashakaga  
gukora ku mukororoby a wageze mu  
kirere. Mama ati: "Oya."

Bararize, bizeye ko arahindura  
imatekerereze ye. Ntabwo byakunze.  
Eran yagerageje no gusohoka mu nzu  
gusura umukororombya.



Mama yamufashe ataragenda. Yazamuye ijwi kugirango Eran na bashiki be nabo bumve.

Ati: "Urashobora gufata ibicurane." Yongeyeho amwenyura ati: "Ntabwo ukunda isupu y'urusenda kandi ugomba Kuyirya uramutse ufashe ibicurane."



Yizeye ko bazabaza inkuru, yagize ati:  
"Umukororombya ni uruzi rutangaje  
rufite imbaraga zo gukiza. Ariko ruri  
hejuru cyane mu kirere ku buryo  
udashobora kuhagera. Niba ufashe  
ubukonje, umukororombya  
ntushobora kugufasha."

Abana batekereje kuri ibi.




Ardo ati: "Mama, nyamuneka tubwire amateka y'umukororombya." Ada ati: "Nibyo, ndakwinginze mama, nanjye ndashaka kubyumva." "Bose batatu," Eran yingina, azamura hejuru intoki eshatu.

Aceceka gato ati: "Nibyo, reka ndebe, mmmm. Nibyiza gukundana, bakina. Mama, ubabwira inkuru arahari!"



Ardo yirutse kuri naha, afata inkoni bakoresheje nk' ikimenyetso cyabo. Yayihaye nyina. Eran yafashe igitambaro cya mama cyo mu mutwe. Ntabwo byigeze binanirwa kumushyira mumico.

Bose baricaye bucece kugirango bumve inkuru bumvise inshuro nyinshi. Ada yavugije ifirimbi, abwira nyina gutangira. Hanyuma inkuru iratangira.



"Igihe kimwe, umukororombya wari uruzi rw'amayo bera. Rwari rwi hishe mu ishyamba ry'ibiti by'icyatsi rya Musanze. Kubera ko ryari rifite imbaraga zo gukiza, ryararindwaga.

Iyo wabaga urwaye, wanywaga amazi. Umukororombya wahoraga wishimira gusangira. Ariko ntiwakundaga abantu bitwaye nabi."



"Kubera ubumaji bw'umugezi, ku nkcombe hari ice cream! Umuntu wese waje kunywa amazi nawe yishimiraga ice cream, cyane cyane abana.

Ice cream yavuye mu ruzi yari umutuku, orange, umuhondo, icyatsi, ubururu, umutuku, na ubururu bw'ijimye. "



“Umunsi umwe, umukecururu mubi witwa Mbom yavuye mu gihugu hakurya. Agezeyo, ahura n’umuzamu. ntiyamumenye kandi yumva ibintu bidasanzwe. Ariko ntiyumva ibiyumvo bye.

Yerekeje mu ishyamba amubwira ko haba uruzi. Mbom arabyemere ajya ku mazi.”



"Yafashe ikinyobwa arakira. Hanyuma  
yarebye hirya no hino kugira ngo  
arebe ko atarebwa.

Mbom yafashe ibuye arajugunya.  
Yitegereje uko rizamuka, rikwirakwira.  
Yishimye, afata inkoni. nayo  
ayijugunyamo biba nkibindi.



"Mbom yasimbutse mu mazi! Yizeraga kubona ubuzima bw'iteka. Akimara gusimbuka, uruzi rwarazamutse. Rujya hejuru mu kirere, ntiruzigera rusubira Musanze. Ariko rimwe na rimwe umukororombya ukurikira nyuma yimvura, kugirango wumve uruzi.

Kandi naho inkuru yanje irangirira,"  
Mama aravuga!



Mama ati: "Noneho abakunzi banje bambwira, kuki mukunda iyi nkuru cyane? Mukunze kumbaza kuyivuga."

Ada aramwenyurya ati: "Ndabikunda kuko binyibutsa kwita ku byiyumvo byanje." Ardo yongeheho ati: "Biramfasha kwibuka amabara y'umukororombya."



Eran yagerageje gusunika amahirwe, ati: “Ndabikunda kuko binyibutsa ice cream! Nshobora kugira ubu, pleeeaaase?”

“Mmmmm. Ubu birakonje, reka tuzarye ice cream ejo. Turabikora?” nyina ati. Hanyuma yongeyeho ati: “Ubutaha, nzavuga imigani y’umukororombya.”

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihé cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

**Uruzi rw'umukororombya**

**Umwanditsi** -- Mimi Werna

**Ubuhinduzi** -- Francine Muhamenimana

**Icyitegererezo** -- Edwin Irabor

**Ururimi** - Ikinyarwanda

**Urwego** - Ibika birebire

© African Storybook Initiative 2018

Ibikorwabihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko [www.africanstorybook.org](http://www.africanstorybook.org)

